

REPUBLIC OF RWANDA



HIGHER EDUCATION COUNCIL (HEC)
P.O. BOX: 6311, KIGALI - RWANDA

**ITANGAZO RIREBA ABASABYE INGUZANYO YO KWIGA MU ISHURI RIKURU RY'IMYUGA
N'UBUMENYINGIRO (RWANDA POLYTECHNIC)
MU MWAKA W'AMASHURI 2021-2022**

Ubuyobozi bwa “Higher Education Council (HEC)” buramenyesha abanyeshuri basabye inguzanyo yo kwiga mu Ishuri Rikuru ry’Imyuga n’Ubumenyigiro (Rwanda Polytechnics/IPRCs) bazatangira umwaka wa mbere (1st Year) mu mwaka w’amashuri wa 2021-2022, ko ibyavuye mu busabe bw’inguzanyo yo kwiga biboneka banyuze kuri <http://197.243.21.216:7085/#/bursary/check-result>.

Uwasabye inguzanyo yinjiza ahabugenewe « Registration Number » akabona ibyavuye mu busabe bwe bw’inguzanyo.

Ibyagendeweho mu gutanga inguzanyo ni ibi bikurikira:

1. Amanota umunyeshuri yagize asoza amashuri yisumbuye : **50%**
2. Ibyo umunyeshuri agiye kwiga muri Kaminuza/Ishuri Rikuru : **50%**

Icyitonderwa:

1. Amanota uwasabye inguzanyo yabonye n’uburyo yabazwemo biboneka ku mugereka w’iri tangazo. Impuzandengo yafatiweho ni **73%** ku bagiye kwiga STEM na **53%** ku bagiye kwiga NON-STEM.
2. Abanyeshuri basabye inguzanyo bararangije amashuri yisumbuye mbere y’umwaka w’amashuri wa 2021 ntabwo bahawe inguzanyo.
3. Umunyeshuri uzahindura ibyo yahawe kwiga ashobora gutakaza inguzanyo.
4. HEC izakira ubujurire bw’abatishimiye ibyavuye mu busabe bwabo **guhera tariki ya 28/02/2022 kugeza ku ya 11/03/2022. Nyuma yaho nta bujurire buzakirwa.**
5. Urupapuro rukoresha mu gutanga ubujurire ruboneka kuri:
https://www.hec.gov.rw/fileadmin/user_upload/URUPAPURO_RUKORESHA_MU_GUTANGA_UBUJURIRE_2022.pdf
6. Gutanga ubujurire bizakorera ku biro bya HEC biri i Remera i ruhande rwa Rwanda Education Board (REB) cyangwa kuri email: studentqueries@hec.gov.rw.

Bikorewe i Kigali, ku wa 25/ 02/ 2022.

Dr. Rose MUKANKOMEJE
Umuyobozi Mukuru